Umuhindo wa 2026

ABANYESHURI B'ICYONGEREZA

Iyo Amashuri Akomeye, Imiryango Migari Irakomera

Ibikorwa Byegereje

Gucunga amafaranga: Amahugurwa yo gucunga neza ingengo y'imari y'umuryango

Amahugurwa ku bumenyi bw'ibanze bwo gutegura ingengo y'imari n'inama zihariye zo gukoresha neza amafaranga y'umuryango wawe kugira ngo ugere ku ntego z'imari wihaye

Itariki: Ku wa kane, 5 Ugushyingo, 2026

Igihe: saa 5:30 z'umugoroba. - saa 7:00 z'ijoro.

Ahantu: Gerald R. Ford Academic Center, 851 Madison Ave SE, Grand Rapids, MI 49507

Inama y'ababyeyi b'abagabo

Bifasha ababyeyi b'abagabo n'abita ku bana b'igitsina gabo guhura no gukomeza uruhare imiryango igira mu mashuri.

Itariki: Ku wa kane, 19 Ugushyingo, 2026

Igihe: saa 8:45-saa 11:00 z'igitondo

Ahantu

Host School Burton Elementary

Ibiro bishinzwe abanyeshuri biga Icyongereza muri GRPS

DR. MAYDA BAHAMONDE-GUNNELL
Umuyobozi Ushinzwe Amasomo mu Gace - Southwest Quadrant

Heather Quamme | Umuhuzabikorwa Ushinzwe Impunzi, Abimukira

Van Do | Umutoza w'abanyeshuri biga Icyongereza

Aleiza Cabrera | Umutoza w'abanyeshuri biga Icyongereza bashya

Jiji Lusamba | Ushizwe guhuza ababyeyi b'abanyeshuri biga Icyongereza b'Impunzi n'Abimukira n'abo basanze mu muryango mugari

Lea Tobar | Ushinzwe guhuza ababyeyi

KU MIRYANGO Y'ABANYESHURI BIGA ICYONGEREZA,

Turizera ko umuryango wawe watangiye neza umwaka w'amashuri. Mu gihe twinjira mu muhindo, aka kanyamakuru karakugezaho amakuru, ibyifashishwa, n'uburyo bwo gufasha umwana wawe kwigira mu rugo no ku ishuri bimugirira akamaro.

Kwigira Ururimi mu Rugo Rwawe ni Ngombwa!

Ururimi mukoresha mu rugo ni igice cy'ingenzi cy'imyigire y'umwana wawe. Si ngombwa ko muvuga Icyongereza mu rugo kugira ngo mufashe umwana wawe mu myigire ye.

Kuvuga, gusoma, kubara inkuru, kuririmba, no gusangiza abandi ibyo umuryango wanyuzemo mu rurimi mukoresha mu rugo bishobora gufasha abana kugira ubumenyi bukomeye mu rurimi ndetse n'ubwo gusoma no kwandika.

Geragereza ibi bikorwa mu rugo:

Gusomera hamwe
Soma igitabo uri kumwe n'umwana wawe mu rurimi mukoresha mu rugo, mu Cyongereza cyangwa muri zombi.

Kuririmba no kumva umuziki.
Indirimbo, imivugo, n'umuziki ni uburyo bushimisha bwo kongera inyunguramagambo no gukomeza ubumenyi bw'ururimi.

Kubara inkuru
Sangiza inkuru z'umuryango, imigenzo n'ibyo umuryango wanyuzemo. Baza umwana wawe ibibazo kandi umushishikarize kubara inkuru ze.

Gukomeza gukoresha ururimi muvuga mu rugo.
Shishikariza umwana wawe kuvuga, gusoma, kwandika, no kumva mu rurimi mukoresha mu rugo.

Kuvuga uko umunsi we wagenze.
Baza umwana wawe ibyo yize, ibyamushimishije, cyangwa ibyamugoye ku ishuri.

Ubumenyi bwinshi mu rurimi rumwe bushobora gufasha mu kwiga izindi ndimi!

Gusobanukirwa Isuzuma rya WIDA

WIDA ni iki?

WIDA ni isuzuma ngarukamwaka risuzuma ubumenyi bw'abanyeshuri biga Icyongereza mu kumva, kuvuga, gusoma no kwandika.

Kuki WIDA ari ingenzi?

Ifasha abarimu kumenya uko bafasha neza umwana wawe mu ishuri.
Ikurikirana intambwe umwana wawe agenda atera mu kwiga Icyongereza.
Ifasha kumenya ko umunyeshuri ageze igihe cyo kuva muri gahunda yo kwiga Icyongereza.

WIDA ikorwa ryari?

Igihe cyo gukora isuzumabumenyi kiva ku wa 25 Mutarama kugeza ku wa 2 Mata, kandi abanyeshuri barangiriza isuzuma ryabo ku ishuri nka kimwe mu bikorwa by'umunsi wabo usanzwe.

Ni gute ababyeyi bafasha abana babo?

Shishikariza umwana wawe kuruhuka neza no kurya ifunguro rya mu gitondo ku munsi wo gukora isuzumabumenyi.
Vuga, soma, kandi wumve inkuru uri kumwe n'umwana wawe mu rurimi urwo ari rwo rwose.
Ibutsa umwana wawe gukora uko ashoboye kuko iri suzumabumenyi rifasha abarimu kumufasha mu myigire ye!

Igihembo Cyo Kumenya Neza Indimi Ebyiri - Kwishimira ubumenyi bw'Indimi

Igihembo Cyo Kumenya Neza Indimi Ebyiri muri Michigan gihabwa abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye bagaragaza ubumenyi bwinshi mu Cyongereza no mu rundi rurimi nibura rumwe. Iki gihembo ni icyo gushimira umwana wawe ku bumenyi afite mu ndimi kandi gishobora kumufasha kubona umwanya mu mashuri makuru kikanamuhesha amahirwe mu gihe kizaza.

Kubera iki ari ingirakamaro?

Gishishikariza abanyeshuri gukomeza gukoresha ururimi bavuga mu rugo no kurwiyunguramo ubumenyi.
Cyereka abakoresha bo mu gihe kizaza n'amashuri makuru ko umwana wawe afite ubumenyi bwinshi mu ndimi ebyiri.
Kigaragaza umuhate n'ubwitange abanyeshuri bagize mu kwiga indimi.

Ese umunyeshuri agitsindira ate?

Abanyeshuri bagaragaza ubumenyi mu Cyongereza n'urundi rurimi binyuze mu masuzuma yemewe na leta. Iyo umunyeshuri atsindiye Igihembo, kigaragara ku mpamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi ye.
Vugana n'umwarimu w'umunyeshuri wawe cyangwa umujyanama w'ishuri ku byerekeye uko umwana wawe ashobora gukorera iki gihembo.

Andi Makuru ya Aderesi

Gutwara abantu:
616.819.6000 | StierL@GRPS.org
Serivisi z'imirire:
616.819.2135 | LanningaJ@GRPS.org
Abakorerabushake:
616.819.1821 | Volunteer@GRPS.org Parent &
Ibikorwa by'umuryango mugari:
616.819.2867 | Parents@GRPS.or

NTA MASOMO AHARI

Ugushyingo 2026
Ku wa mbere, 2 Ugushyingo
Ku wa kabiri, 3 Ugushyingo
(Ikiruhuko cy'igihe cy'amashimwe): Ku wa gatatu, 25 Ugushyingo kugeza Ku wa gatanu , 27 Ugushyingo

Ukuboza 2026
Igice cy'umunsi (Ibizamini): Ku wa gatatu, 16 Ukuboza
Igice cy'umunsi (Ibizamini): Ku wa kane, 17 Ukuboza
Igice cy'umunsi (Ibizamini): Ku wa gatanu, 18 Ukuboza
Nta masomo ahari (Ikiruhuko cy'Itumba): Ku wa mbere, 21 Ukuboza kugeza Ku wa gatanu, 1 Mutarama

GRPS my choice
Grand Rapids Public Schools